REPUBURIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP 00179/2018/TGI/HYE GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA**

---

Umwaka w'i 2019,umunsi wa 10 w'ukwezi kwa Mutarama ;

Twebwe MBISHIBISHI Maurice; Umucamanza mu Rukiko rwisumbuye rwa Huye,dufatanyije na TUGIZAMAHIRWE Olive; Umwanditsi w'uru rukiko.

Tumaze kubona urubanza RP 00179/2018/TGI/HYE,Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye bukurikiranyemo **RUKUNDO Eugene ubufatanyacyaha mu cyaha cy'ubujura bukoreshejwe kiboko, ruzaburanishwa ku wa 11/4/2019 saa mbiri za mugitondo.**

Tumaze kubona ko RUKUNDO Eugene mwene Ndayisaba François na Mukamfizi Stephanie,wavutse 1992, mu mudugudu wa Kabagari,akagari ka Kibinja,umurenge wa Busasamana,akarere ka Nyanza,intara y'Amajyepfo,akaba atuye kandi abarizwa mu mudugudu wa Rurenda, akagari ka Matyazo,umurenge wa Ngoma, akarere ka Huye, intara y'Amajyepfo, umunyarwanda, ingaragu, umuhinzi, ntacyo atunze, ntarakurikiranwa n'inkiko bizwi, ubu ukurikiranywe yaratorotse ubutabera;

Tumaze kubona ko RUKUNDO Eugene yihishe cyangwa yatorotse ubutabera;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE:

Dushingiye ku ngingo za 212-214 z'itegeko n°30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dushingiye ku ngingo za 45,46 z'itegeko n°22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi,iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Dutegetse **RUKUNDO Eugene kwitaba Urukiko rwisumbuye rwa Huye ku wa 11/4/2019 i saa mbiri za mugitondo** ku cyicaro cyarwo mu murenge wa Ngoma mu nyubako y'Ingoro y'Ubutabera ya Huye iri hagati y'inyubako ya BNR/ishami rya Huye n'Iposita ya Huye kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko,agacirwa urubanza adahari;

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo ku rukiko rwisumbuye rwa Huye,ku zindi nkiko zisumbuye, ku biro by'umurenge wa Ngoma no ku biro by'akarere ka Huye ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'Urwego rw'ubucamanza.

Bikorewe i Ngoma /Huye mu mwaka,umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| Umucamanza | Umwanditsi |
|---|---|
| MBISHIBISHI Maurice | TUGIZAMAHIRWE Olive |
| Sé | Sé |

Copie certifiée conforme à l'originale
le 7/3/2019
Greffier MANIRARORA Théoneste